

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA  
MADAMU JEANNETTE KAGAME MU  
IHURIRO RYA 12,  
RY'ABANYAMURYANGO BA UNITY  
CLUB INTWARARUMURI.**

**Umunsi wa kabiri**

**Kigali Convention Center, 25  
Ukwakira 2019**

Ba Nyakubahwa mu nzego nkuru  
z'igihugu cyacu,

Ikaze kandi ku bavandimwe bagize  
Sena yacu nshya

Batumirwa bacu bahire,

Bana bacu,

**Abarinzi b'Igihango,**

Ntwararumuri bavandimwe duteraniye  
aha,

**Muraho neza!**

Mbanje kubasuhuza, mbashimira kuba mwongeye kwitabira ubutumire bwacu ngarukamwaka.

Uyu muni rero twifuje kuganira ku nsanganyamatsiko igira iti”: « **NDI UMUNYARWANDA, IGITEKEREZO-NGENGA CY ‘UKUBAHO KWACU ».**

Nk’uko mubizi, **“Ndi Umunyarwanda”** yabaye igitekerezo-ngenga cyo kubohora no kubaka igihugu cyacu, imyaka 25 irashize.

Twasanze ko ari ngombwa, kongera gusuzuma niba iki gitekerezo gikomeje kugenga « **ukubaho kwacu** » no “**kubana kwacu**” nk’Abanyarwanda.

Mbere y’uko dusesengura iyi ngingo, ndifuza ko twongera gutekereza k’ukubaho kwacu. Gushingiye ku ki? Bivuze iki kuri twe n’abazadukomokaho?

Umwanditsi Musenyeri Alexis Kagame, asesengura ***philosophie-nyarwanda***, yavuze ko ihera ku nshinga ikomeye yitwa **KUBA**, ikuzuzwa no **KUBAHO** no **KUBANA**.

**“Kubaho kwacu”**, ni ukongera kugaruka kw’isooko-muzi y’u Rwanda, ni ukuba uw’u Rwanda kandi ukemera n’abo murusangiye.

Ukubaho kwacu kandi gushingiye ku nyabutatu no ku mahitamo nyabutatu ariyo : **Ubumwe, kuzuza inshingano, no kureba kure.**

Ibi bigashingira kandi ku itegeko nshinga<sup>1</sup> ariryo tegeko rikuru ry’igihugu cyacu, ritwibutsa iteka iby’ingenzi bikurikira:

---

<sup>1</sup> Rwanda’s Constitution 2003 revised in 2015, p2-5

- ❖ Nyuma ya jenocide, twiyemeje kurwanya ingengabitekerezo yayo n'ibindi byose byabangamira Abanyarwanda.
- ❖ Gukomeza ubumwe bw'Abanyarwanda nk'inkingi ikomeye y'iterambere ryacu.
- ❖ Kuvoma mu mateka yacu, imigenzereze n'imatekerereze myiza yadufasha.
- ❖ Gukomera ku rurimi ruduhuza n'umuco wacu uturanga.

Ntawakwibagirwa kandi ko kubaho kwacu bishingira ku kugira igihugu (« A **nation** »), kandi gihamye. Aha ndashaka kuvuga igihugu gifite : Abaturage, ubutaka bwacyo, ubuyobozi bwiza, ubusugire n'agaciro.

Igihugu kandi gifite icyerekezo, cyita ku bukungu, imibereho myiza n’ubuyobozi bushingiye ku Munyarwanda.

Ibi byose tukabikorana ubwenge, tubishyizeho umutima n’amaboko yacu, nk’uko indirimbo y’igihugu ibitwibutsa, maze Ubunyarwanda bukaba ku isonga.

Duhereye rero kuri ibi by’ingenzi biranga ukubaho kwacu, twasanze ari ngombwa kongera kwibaza niba koko Ndi Umunyarwanda ikomeza kuba igitekerezo tugenderaho mu buzima bwacu bwa buri gihe: twe ubwacu, mu miryango tuvukamo, aho dutuye, aho dukora, n’uburyo twuzuza inshingano.

- ❖ Ese turasanga turi ishusho y'Ubunyarwanda koko?
- ❖ Ese igipimo turiho, turacyunganira dute ngo tukizamure muri twe no mubo tuyobora?

U Rwanda rwacu rwahisemo kubaho rufunguye amarembo, kandi rwiyeze guharanira agaciro n'iterambere ry'Abanyarwanda.

Ndi Umunyarwanda twahisemo iduha igisobanuro n'ingufu zo kuba igihugu kitavugirwamo, kitavogerwa kandi kigendera ku ntambwe twiyemeje.



Dutuye ku isi dusangiye n'abandi benshi. Ibireba isi n'ibiyiberamo biratureba. Kubimenya ni ngombwa.

Kubihuza n'ibibera iwacu no kubivanamo amasomo nabyo ni ngombwa. Ndi Umunyarwanda rero, ikaba ingabo idukingira twese, tugaharanira ishema ry'Afrika, tugatura isi, turangwa n'ubufatanye, ubupfura n'ubumuntu.

**Bavandimwe, Bayobozi,**

**Rubyiruko bana bacu!**

Munyemerere mu ihuriro ry'uyu muni, twongere dusuzume imbogamizi dushobora kuzagira mu myaka iri imbere, zabangamira Ubunyarwanda.

Ubushakashatsi bugaragaza ibintu bitanu biranga umuryango umaze kunga ubumwe (**social cohesion indicators**) <sup>2</sup>: **Icyizere cyo kubaho** (life satisfaction | Life expectancy), **icyizere** muri rusange (trust), **imyitwarire y’abantu** (social behavior), **ikigereranyo cyo kwiyahura** (suicide) ndetse no **guhitamo ubuyobozi** (voting).

Muri ibi bitanu ndifuzwa kugaruka ku bintu bitatu: Icyizere, imyitwarire y’abantu ndetse **no kwiyahura ariko byo tukabirebera mu kibazo kigari cy’ihungabana tubona nyuma ya Jenocide.**

---

<sup>2</sup> OECD (2012) Social Cohesion indicators in “a Society at a Glance”, Asia | Pacific, OECD Publishing, Paris

Duteraniye hano turi abayobozi, ba none n’ejo kuko dufite n’urubyiruko. Buri wese ku rwego ariho, afite inshingano ahabwa n’umurimo akora. Uyu mwanya rero twongere twibaze, niba uko turi, uko tubayeho, uko tubanye biri mu murongo ukwiriye u Rwanda.

Iyo urebye ishusho y’uko abaturage babona imiyoborere n’imitangire ya servisi mu nzego zibegereye,<sup>3</sup> usanga bagaragaza ko mu byiciro by’imibereho,

---

<sup>3</sup> ISHUSHO Y’UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N’IMITANGIRE YA SERIVISI MU NZEGO ZIBEGEREYE. RGB ( 2018 “CITIZEN REPORT CARD CRC 2018 “

bizeye cyane inzego z'umutekano kurusha izindi.

Ni iki rero twakwigira kuri uru rwego?

Iyo utekereje usanga “Ndi Umunyarwanda” iba mu mahame-  
ngenga y'imikorere n'imibereho y'uru  
rwego. Aha navuga bike mu byo tubona  
bibaranga **n'ibyo twabwiwe :**

:

- Ubumwe no gushyira  
Ubunyarwanda ku isonga, byaba  
ngombwa bakabupfira,
- Kubahana, kubaha abantu no  
kubaha inshingano, byaba  
ngombwa ukabihanirwa igihe  
utabyubahirije.

- **Gukunda abaturage, kugira ikinyabupfura no kwicisha bugufi.**
- Gutekereza kure, kugira ngo ubusugire, ubukungu n’agaciro k’u Rwanda bikomeze gushimangirwa.

Imitekerereze ya Ndi Umunyarwanda tuyikoresheje, dushyira mu bikorwa gahunda z’iterambere, imibereho myiza y’abaturage n’imiyoborere; byadufasha kuzamura icyizere abaturage batugirira nk’abayobozi.

Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ikibazo cy'ihungabana mu byiciro byose by'Abanyarwanda.

Dukwiriye kureba niba "Ndi Umunyarwanda" yaba umuti waruhura abakiremerewe n'amateka cyangwa ibindi bibazo bitandukanye.

**Nkuko byavuzwe ejo, biragaragara ko ibi biganiro byafashije benshi kandi ko bigikenewe. Dukomeze rero gutwara Ndi Umunyarwanda mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi bwacu, no kuyigeza ku banyarwanda benshi.**

**Bayobozi, Babyeyi, Ntwararumuli**

Dufite inshingano yo gufasha abato

bacu, kubana natwe muri uru rugendo rwa Ndi Umunyarwanda.

Tukabaha impamba ikomeye y'ubumenyi mu mateka n'umuco, muri politike yacu n'iy'isi batuye; niwo murage ukwiye gukomeza uru Rwanda.

Ubushakashatsi bwa Sena<sup>4</sup> butugaragiza ko tuzakomeza guhura n'ikibazo cy' abapfobya n'abahakana jenocide. Ese Ndi Umunyarwanda iradufasha ite kurera abana bacu, ku

---

<sup>4</sup> Inteko Ishinga Amategeko-Sena (2019), Imiterere y'ihakana n'ipfobya bya jenocide yakorewe abatutsi bibera mu mahanga n'ingamba zo kubirwanya

buryo bazakomeza kubumbatira ubumwe bwacu no kurwanya abadusubiza inyuma?

Ndizera ko mu biganiro tuza guhabwa, ndetse no mu matsinda, tuza kuganira birenze ibi ku byashobora kubangamira Ubunyarwanda mu gihe kizaza n'uburyo bwiza bwo kubikumira.

Mbere yo gusoza, nagirango nshimire Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, duhora dufatanya muri iyi gahunda.

Dushimire kandi abaza kutuganiriza kuri uyu munsi. Mbasabe ko mwaza kudufasha gufata ingamba zifatika.



Ndi Umunyarwanda ni **icyomoro n'igihango**: ni umuti w'ibikomere bikomoka ku mateka, ni isano-muzi yacu kandi ni ingabo idukingira.

Ni **amasezerano** y'ubudahemuka no kubaka u Rwanda.

Uyu munsu twongereho ko **Ndi Umunyarwanda ari Igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu.**

*“Intego dutanze nk’uko umuhanzi yabivuze, ni ukurugira u Rwanda rutatse ituze n’amahoro adakuka menshi, tukarugira ikirezi kirera Abanyarwanda, n’abanyamahanga bakarutanaga”.*

U Rwanda rugaba ineza kandi ikaramba mu bayo.

Mugire umunsi mwiza.

Murakoze!